RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

# ITANGAZO

## Gusoza gahunda yo kuzahura inganda no guteza imbere imishinga y'ubwubatsi (MBRP)

Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) ruributsa abikorera ndetse n'abaturage muri rusange ko gahunda yo kuzahura inganda no guteza imbere imishinga y'ubwubatsi (MBRP) yamaze gusozwa.

Iyo gahunda yashyizweho na Guverinoma y'u Rwanda mu mwaka wa 2020 iza kongerwa mu mwaka wa 2023 kugira ngo yihutishe kuzahura ubukungu nyuma y'icyorezo cya COVID-19.

**Gusoza Kwakira Ubusabe**
Kwakira ubusabe bujyanye n'iyi gahunda byasojwe muri Mata 2024; bityo nta busabe bushya cyangwa ubwo kwongera igihe buzemerwa.

**Gukomeza kungukira muri gahunda ya MBRP**
Bake mu bagenerwabikorwa bemerewe muri gahunda ya MBRP mu mwaka wa 2023 bazakomeza gusonerwa imisoro kugeza ku itariki ya 31 Ukuboza 2024, ubwo bizaba birangiye burundu.

Ushaka ibindi bisobanuro yatwandikira kuri email: aftercare@rdb.rw